REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUCURUZI N'INGANDA

Kimihurura, Gasabo
Po. Box: 73 Kigali-Rwanda
Tel itishurwa: 3739
Email: info@minicom.gov.rw
Urubuga rwa interineti: www.minicom.gov.rw

SEREVISI ZIHABWA ABATUGANA

Mutarama, 2012

AMASHAKIRO

IRIBURIRO.....3
INTANGIRIRO 11
II. ICYEREKEZO.....12
III.INTEGO 13
IV.IBIKORWA BY'INGENZI 13
V.INDANGAGACIRO Z'INGENZI 13
Ubwoko bwa serevisi: Uruhushya rwo gucuruza, gutonora, no kuranguza umuceri. 13
Ubwoko bwa serevisi: Kwemerera kugura no kugurisha amabuye y'agaciro.....15
Ubwoko bwa serevisi: Uruhushya rwemerera inganda gukora.18
Ubwoko bwa serevisi: Gukemura ibibazo by'abaguzi n'ubusumbane hagati y'abapiganwa.....21
Ubwoko bwa serivisi: Gutanga ibyangpmbwa ku Imiryango mpuzamahanga ishaka kwiyandikisha 22

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

IRIBURIRO

Nejejwe no kubagezaho iki gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na minisitri y'ubucuruzi n'inganda.

Iki gitabo cyateguwe hashingiwe kuri gahunda y'Igihugu y'Ivugurura rifite icyerekezo cyo kuzamura ubushobozi bw'abakozi n'ibigo, hagamijwe kandi gutanga serivisi zinoze hanagerwa ku ntego nkuru y'Iterambere ry'Igihugu. Nanone ibi bigakorwa bigamije gusubiza ibibazo by'abaturage, bigakorwa mu mucyo kandi abantu bakabazwa ibyobakora.

Iki gitabo kigaragaza uruhare rya minisiteri y'ubucuruzi n'inganda mwitangwa rya serivisi mu Rwanda cyikanerekana serivisi zitangwa ibikenerwa kugira ngo uzihabwe. Kikagaragaza kandi urutonde rwaho izo serivisi zitangirwa nibyo amategeko yemerera umuntu kugira ngo abone izo serivisi.

Ishyirwaho ryi'iki gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa abaturage ryerekana ubushake minisiteri y'ubucuruzi n'inganda ifite mw'itangwa rya serevisi nziza kandi zihuse.

Emmanuel HATEGEKA
Permanent Secretary
MINISTRY OF TRADE
AND INDUSTRY

François KANIMBA

Minisitiri w'ubucuruzi n'inganda

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

Iki Gitabo kigaragaza serivisi MINICOM igenera abayigana. Ni muri urwo rwego musanga gikubiyemo serivisi zitandukanye n'aho zitangirwa, uburyo zitangwa, igihe zitangirwa, n'Uburyo abatanyuzwe na Serivisi bahawe banyuramo bagaragaza ibibazo kugira ngo barenganurwe. Iki gitabo kigaragaza izi ngingo zikurikira:

- Icyerekezo n'Intego bya MINICOM byerekana ubushake bwo gutanga serivisi nziza kandi zinoze muri ubu buryo bukurikira:
  - Ubunyangamugayo
  - Hubahirizwa amategeko
  - Mu bwitonzi n'Ubupfura
  - Mu bwumvikane
  - Mu kuri no kudatoranya
  - Mu mucyo
  - Kugaragaza ibyo ikora
  - Gukorera ku gihe
  - Gutanga serivisi nziza kandi ku gihe cyabigenewe.
- Isesengura rya serivisi zitangwa na MINICOM:
  - Kugaragaza neza serivisi zitangwa na MINICOM,
  - Kwerekana Ishami serivisi zitangirwamo. Muri ubu buryo Abaturage bazamenya neza Ishami cyangwa Ibiro bagana, bityo bahabwe serivisi badatakaje igihe n'Ingufu zo gutegereza;
  - Kugaragaza igihe nyacyo bitwara buri serivisi itangwe. Ibi bizaha abaturage amakuru y'ingirakamaro bibarinde guhora mu nzira no gukubita amaguru y'ubusa.
  - Gushyiraho ibipimo bya serivisi nziza hagaragazwa amasaha bitwara kugira ngo umuturage abone iyo serivisi, uburyo izo serivisi ziboneka, ukuri kuba kuri mu itangwa ry'izo serivisi, icyizere cyo gukomeza kubona izo serivisi, niba umuturage ashobora kuyigeraho, uburyo yumvikanishwa, mu kuri, uburemere bifite n'ubwitonzi mu gutanga

serivisi; Hashingiwe kuri ibi, Abaturage bashobora kwizera gutera imbere

- Amakuru nyayo ku nyandiko zisabwa n'uburyo bwo kubona serivisi muri MINICOM. Urugero, ibyangombwa bikeneye kwerekanywa, n'impapuro zigomba kuzuzwa n'umuturage ushaka serivisi.

- Gusobanura neza Abaturage, ibyiciro by'abantu bemerewe kwaka buri serivisi itangwa na MINICOM.
- Kugaragaza Abakozi bashinzwe gutanga izo serivisi n'aho babarizwa ndetse n'uburyo bwo kubahamagara cyangwa kubandikira igihe bibaye ngombwa.
- Uburyo bwo kurenganurwa igihe udahawe iyo serivisi cyangwa se uburyo wayihawemo butakunogeye.
- Uko umuturage ashobora gutanga inama n'ibitekerezo ku buryo buhoraho hagamijwe guteza imbere no kunoza imitangire ya serivisi muri MINICOM.
- Amakuru n'uburyo bwatuma serivisi za MINICOM zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera.

Iki Gitabo kirimo serivisi zihabwa abaturage ni igikoresho cyo kugeza amakuru ahagije kandi asobanutse ku bagana serivisi za MINICOM no gushyiraho ibipimo hagamijwe kwimakaza umuco wo gukorera m'ukuri Nzego za Leta. Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kizatuma abagana serivisi za MINICOM bazahabwa serivisi zihuse binarandure umuco wo gutinza serivisi byagaragaraga mu itangwa rya serivisi mu Nzego za Leta.

Hashingiye ko ko serivisi zigomba kujyana n'ibyifuzo by'Abaturage, MINICOM yiyemeje kubamenyesha Serivisi bashobora gusaba, inshingano n'uburenganzira bwabo igihe bashaka izo serivisi.

Kubera ko MINICOM isanga itakora ibi yonyine, niyo mpamvu isaba Abaturarwanda guhoza ijisho ku bakozi bayo kugira ngo bakorere ibibakwiye, bibereye, kandi bifite ireme no gutanga amakuru asobanutse kuri serivisi bifuza no gukuraho inzitizi zose zatuma itangwa rya serivisi ridatera imbere.

Mu by'ukuri, kugira ngo ishyirwamubikorwa ry'iki Gitabo

gikubiyemo serivisi rishoboke, MINICOM yizeye ko hazakomeza kubaho ubufatanye no guhana amakuru n'abaturage bayigana bashaka serivisi. Kubera iyi mpamvu MINICOM yashyizeho uburyo bunoze bwo bwo kugisha inama abagana serivisi zayo:

- Ifishi cyangwa urupapuro byandikwaho ibitekerezo n'inama zitangwa muri buri Shami;
- Agasanduku k'ibitekerezo kaboneka aho binjirira;
- Umunsi w'Imurikabikorwa
- Amatsinda ngishwanama ahuriwemo n'Abagana serivisi za MINICOM
- Umurongo wa telefoni utishyurwa;
- Gukora anketi n'ipereereza ku bagana serivisi za MINICOM gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe
- Uburyo bwo kurenganurwa no gukemura ibibazo bugaragaza inzira abagana MINICOM banyuramo batanga ibitekerezo kuri serivisi bahabwa.

Iki Gitabo cyerekana neza ingamba zafatwa igihe serivisi zidatanzwe uko bikwiye. Niyo mpamvu rero MINICOM ishishikariza abagana serivisi zayo gutanga inama ku bibazo babinyujije mu buryo buhari bwagenwe bwo kugaragaza ibibazo, bworoshye gukoreshwa kuri buri wese. MINICOM izakira ibyo bibazo by'abayigana ibigire ibyayo ikabikemura kandi mu gihe kitarambiranye. Mu buryo bushoboka, igihe cyo kwakira no gukemura ibibazo cyashyizweho. MINICOM irifuza gufatanya mu buryo bunoze n'abayigana mu gukemura ibibazo by'imitangire ya serivisi. Izi ngingo z'ingenzi nizo zizubahirizwa mu gihe cyo gushyira mu bikorwa iki gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na MINICOM:

- Gutangiza uburyo buhoraho abasaba serivisi batangamo ibibazo. Uburyo bushoboka buzakoreshwa bugizwe n'urubuga rwa interineti, kohereza ubutumwa bwanditse kuri telefoni, no gukusanya amakuru ku basaba serivisi aho zitangirwa, udusanduku tw'Ibibazo, iyakure hamwe na telefoni.
- Kugena abashinzwe gukemura ibibazo no kwerekana uburyo bwo gukemura ibibazo imbere hagamijwe gukemura buri kibazo bakiriye.

- Gushyiraho uburyo bugezweho bukoreshwa imbere muri MINICOM mu gutondeka ibibazo. Ibibazo bishoboka ko byakwandikwa mu buryo busanzwe cyangwa ubushobozi bwaboneka, hagakoreshwa mudasobwa mu buryo butuma ibona igihe nyacyo cyo guhuza imibare.
- Gushyiraho ingengabihe yo gukemura ibibazo, harimo n'igihe cyo kumenya kwakira ibibazo, igihe gikenewe cyo kurangiza iperereza kuri buri rwego, n'igihe cyo kumenyesha abasaba serivisi aho MINICOM igeze mu iterambere.
- Kwemeza uburyo buzakoreshwa mu gihe habayeho kutubahiriza ibipimo mu itangwa rya serivisi.
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura inzira zo gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe.

Mu rwego rwo gushyigikira guhanahana amakuru, inama no kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo, MINICOM yiyemeje gukoresha itangazamakuru n'ikoranabuhanga rishya, n'ubundi buryo bugezweho nk'ubutumwa bwanditse kuri telefoni, umurongo wa interineti, n'ubundi nka twitter na facebook, n'ibindi binyuranye, cyangwa uruhurirane rw'iyo miyoboro y'ikoranabuhanga.

Mu guteza imbere imitangire ya serivisi, MINICOM iteganya gukoreshwa ibikoresho tekiniki zikurikira mu ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa Abaturage:

- Gukora iperereza hagamijwe gukusanya no kumva icyo Abaturage bavuga kuri serivisi bahabwa;
- Gukurikiza ibyiza byakozwe ahandi;
- Isuzumamikorere;
- Amahugurwa, gucunga no kongera ubumenyi;
- Guha ubushobozi no gutanga uburenganzira ku nzego zo hasi zitanga serivisi;
- Kwihutisha ikemurwa ry'ibibazo byabagejejweho;
- Gucunga amakuru.

Hashingiwe ko amakuru ari inkingi nkuru mu gushyirwa mu bikorwa no gukurikirana uko serivisi zigera ku baturage, iki

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

Gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na MINICOM kizagera ku baturage hifashishijwe uburyo bunyuranye bw'itumanaho no guhana amakuru, bityo gitangazwe ku mugaragaro binyujijwe ku rubuga rwa interineti, radio, ibinyamakuru n'izindi nzira zishoboka kugira ngo kigere ku bantu bose. Kubera iyi mpamvu, MINICOM irashaka gukoresha iyi miyoboro ikurikira hamwe n'uburyo bwose bwatuma serivisi zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera :

- Serivisi ishinzwe kwakira abagana Inzego no guhuza amakuru.
- Umunsi w'Imurikabikorwa /Umunsi wo kugaragaza ibyagezweho
- Gutegura no kunyuza mu icapiro inyandiko n'ibikoresho byamamaza:
  - Inyandikompine zitandukanye zamamaza,
  - Ibyapa
  - Ibiganira mbwirwa ruhame cyangwa bigenewe abanyamakuru

- Kwandika no gusohora udutabo: gukora inyandiko zamamaza cyangwa udutabo. Amakuru ari muri utu dutabo agomba kuba asobanura ingingo nyazo, zisobanutse kandi yoroshye kumva. Izi nyandiko zikazajya ziboneka ku buryo bworoshye;
- Gusohora Igitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kikamanikwa imbere y'Ibiro kikanashyirwa ku rubuga rwa interineti;
- Kubinyuza mu matangazo no kubicisha mu binyamakuru bitandukanye;
- Ubutumwa bwo gucishwa kuri radiyo na televisiyo;
- Ibiganiro mbwirwa ruhame kuri radiyo na televisiyo;
- Interineti n'Uburyo buhoraho bwo kuvugurura imiyoboro n'imbuga za interineti z'Inzego za Leta:
  - Gushakisha imiyoboro
  - imbuga za interineti rusange
  - imbuga za interineti ahuriweho n'Inzego zitandukanye
  - urubuga rwa interineti rwihariye

- Ubutumwa bugufi bwanditse buyobora abantu aho bajya bagahabwa serivisi;
- Gukwirakwiza kopi z'nyandiko mu bahagarariye inzego za Leta n'abafatanyabikorwa;
- Amakuru mu binyamakuru;
- Inama n'ibindi bikorwa bigamijwe guteza imbere itangwa rya serivisi.
- Amahugurwa agamije gutanga imirongo migari ku bakozi n'ababahagarariye ku birebana n'itangwa rya serivisi.
- Ubundi buryo (urutonde rw'inyandiko, n'ihuriro ry'Imbuga za interineti).

Muri make, Abagana serivisi zacu bagizwe n'Abacuruzi, Inzego zigenga, Abaterankunga, Imiryango mpuzamahanga, Abaturage, Inzego z'ibanze, n'Abaturarwanda muri rusange.

Ibyo Twiyemeje gukorera abagana serivisi zacu:
Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kigaragaza ubushake bwa MINICOM bwo kuba indashyikirwa mu guha Abaturage n'abafatanyabikorwa serivisi zinoze kandi mu buryo bwihuse. Ni muri urwo rwego twitangiye kubaha serivisi neza uko bikwiye, mu mutuzo n'umutekano kandi mu bushishozi. Tuzaharanira gutanga serivisi zacu mu bunyangamugayo.

Ibyo dutegereje ku bagana serivisi zacu:
Kugira ngo tubahe serivisi neza, mwadufasha kuzamura imikorere mu buryo bukurikira:

- Gufata neza abakozi ba MINICOM mu bwitonzi kandi mubahesha icyubahiro;
- Gutanga inama ku buryo kunoza serivisi zitangirwa muri MINICOM;
- Guhanahana amakuru ku buryo serivisi zitangwa muri MINICOM binyujijwe mu miyoboro inyuranye ry'itumanaho rikoresha Ikoranabuhanga rigezweho;
- Kwakira ibibazo byose, inama n'ibitekerezo birebana na buri serivisi no kubishakira ibisubizo bikwiye.

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

Aho wabariza:

MINISITERI Y'UBURUZI N'INGANDA
Kimihurura, Gasabo
Po. Box: 73 Kigali-Rwanda
Tel itishurwa: 3739
Email: info@minicom.gov.rw
Urubuga rwa interineti: www.minicom.gov.rw

Tuzakira, twemere kandi tunashakire ibisubizo ibibazo byose twakiriye mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi.
Mu gihe ikibazo kizaba gisaba gukorerwa ipereereza rihagije n'igihe cyo kugikemura, tuzakumenyesha igihe nyacyo cyo kuza gufata igisubizo.

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

INTANGIRIRO

Ibyo twiyemeje

Minisiteri y'ubucuruzi n'inganda ishinzwe gufasha guhindura isura y'Urwanda rukagera mu kiciro cyohagati cy'Ubukungu ibi bigakorwa hashyirwaho ingamba, politiki, amategeko, nogushyiraho inzego zogucunga umutungo hagamijwe izamuka ry'Ubukungu ryihuse.
Hashingiwe ku itegeko nshinga rya repubulika y'Urwanda ryo kuwa 04 kamena 2003 nkuko ryavuguruwe kugeza ubu mungingo zaryo zikurikira 118,119,121,201;
Hashingiwe kandi ku itegeko n0 22/2002 rishyiraho sitati rusange igenga serivisi za leta n'Umurimo;
Nyuma yokubiha agaciro nokwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 20/06/2009 no muyo kuwa 16/03/2011; Iteka rya nyakubahwa minisitiri w'Intebe numero 93/03ryo kuwa 25/08/2011 ryahaye minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda inshingano zikurikira;

1. Gushyiraho, kwemeza noguhuza ishyirwa mubikorwa za politiki, ingamba naza gahunda z'zubucuruzi n'Inganda binyuze:
    a. Gutezimbere politiki y'Ubucuruzi n'Inganda bijyanye na politiki n'Ingamba zashyizweho
    b. Gukangurira abashora mali bo mugihugu ndetse nabo hanze gushora imali mu Rwanda
    c. Kuzamura nogutezimbere inganda zifite icyerekezo na serivisi bigatuma hakorwa ibikoresho/ibintu bifite agaciro ko guhatana ku isoko haba mu masoko yomugihugu cyangwa ayo hanze yacyo.
2. Kwemerera ubucuruzi n'Inganda nizindi nzego zose zijyanye n'Ubucuruzi binyuze:
    a. Gushyiraho nogukwirakwiza amategeko ashyigikiye guteimbere ubucuruzi bw'Inganda, amakoperative, ubucyerarugendo kimwe n'Inzego zishinzwe pubucukuzi bw'Amavuta.
    b. Gushyiraho nogukwirakwiza ibipimo byiza namahame y'Ubucuruzi nogusobanura uburyo bwatuma bigerwaho uko byateguwe.
    c. Gusobanura nogushyira mubikorwa politiki y'Amarushanwa nokugira uburenganzira bw'Umutungo bizatuma habaho amapiganwa

meza bigatuma habaho kubahirizwa Uburenganzira bw' Abaguzi.

3. Kongerera ubushobozi inzego n'Abakozi mubijyanye n'Ubucuruzi n'Ingandabinyuze:
   a. Gutezimbere iterambere mubijyanye nokwihangira imirimo hibandwa ahanini ku inganda ntoya nizo murugero;
   b. Kubaka ubushobozi bw'Inganda hagamijwe kongera imikorere myiza nokugira ubushobozi bwo guhangana ku isoko;
   c. Kubaka inzego z'Ubucuruzi zihamye horosyhwa uburyo bwogutangira nogukora ubucuruzi.
4. Kugenzura nogusuzuma ishyirwa mubikorwa rya politiki, ingamba nazagahunda zomu nzego z'Ubucuruzi nizindi zikorana nazo;
5. Kureberera inzego zzishamikiye kuri iyi minisiteri binyuze:
   a. Kugenzura imikorere n'Imicungire y'Inzego za leta ishinzwe hagamijwe kureba ko zikora neza, zitekanye, nogucunga inzego nyinshi zitandukanye ziri m' Ubucuruzi n'Iterambere nokurengera ibidukikije;
   b. Kuyobora inzego ishinzwe muri gahunda runaka zigomba gushyirwa mubikorwa nizi nzego.
6. Gushakisha inkunga yangombwa izakoreshwa mu ishyirwa mubikorwa byizi gahunda binyuze:
   a. Kugaragaza nogushakisha umutungo nokuwucunga neza;
   b. Gutezimbere ubufatanye mu mikoranire nizindi nzego nogushora imali kwa bikorera kugiti cyabo muri izi nzego z'Ubucuruzi.

   Gukora ubuvugizi bw'Ubucuruzi hagati y'Ibihugi bibiri cyangwa byinshi hagamijwe gutezimbere Inyungu z'Urwanda.

II. ICYEREKEZO

Guterimbere mu bukungu kandi burabye bikarangazwimbere n'abikorera kugiti cyabo bafite ubushobozi bwoguhangana ku isiko.

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

III.INTEGO

Gutezimbere ubukungu bw'u Rwanda binyuze mu bikorera kugiti cyabo bafite ingufu zoguhanganira kw'isoko ari iryo mu karere cyangwa mpuzamahanga bagaragaza ubushobozi kandi barinda umuguzi.

IV.IBIKORWA BY'INGENZI

1. Gushyiraho nokumenyekanisha politiki n'Ingamba
2. Kwemerera ubucuruzi n'Imikorerey'Inganda.
3. Kongerera ubushobozi inzego n'Abakozi cyane cyane muby'Ubucuruzi n'Inganda.
4. Gutezimbere kwihangira imirimo hanavugururwa uburyo bwo gukora ubucuruzi.
5. Gutezimbere umuco wubuhahirane bwo mu karere cyangwa mpuzamahanga bugamije gushyira ubucuruzi bw'u Rwanda k'urwego rushimishije.
6. Kugenzura nogusuzuma politiki n'Ingamba zomuri iyi serivisi kimwe nokureberera inzego ziyoborwa na minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda.

V.INDANGAGACIRO Z'INGENZI

- Kwiyubaha
- Kugira inshingano nokubazwa ibyo dukora
- Gukora neza kandi vuba ku gihe
- Kugira ubwitange/ Umurava
- Mu mucyo
- Gufata neza abatugana: Hagamijwe gutanga serivisi zifite agaciro nziza nubwitonzi bwinshi kandi hubahwa abakiriya';

Ubwoko bwa serevisi: Uruhushya rwo gucuruza, gutonora, no kuranguza umuceri.

Serevisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?	Minisiteri y'ubucuruzi n'inganda itanga uburenganzira bwo gucuruza, gutonora no kuranguza umuceri. Gucuruza,gutonora, kuranguza umuceri, bishobora gukorwa

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

	na koperative ibifitemo ubumenyi, inganda, cyangwa umuntu ku giti cye.
Ni hehe serivisi itangirwa?	Ishami ry'ubucuruzi bw'imbere mu gihugu
Serevisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere saa moya zamugitondo kugeza kuwa kane saa kumi nimwe zanimugoroba Kuwa gatanu nuguhera saa moya zamugitondo kugeza saa sita zamanywa
Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itatu y'Imibyizi (3)
Nibiki bisabwa kugirango ubone serevisi?	Serevisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Inyandiko isaba wandikiye minisitiri w'ubucuruzi n'inganda; - Icyemezo kigaragaza ko wiyandikishije mu kigo cy'iterambere ry'igihugu (RDB);
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	- Ujya aho bakirira abakiriya no kubayobora - Gutanga ibyangombwa byose bikenewe - Gusura uwanditse asaba kureba ko akwije ububiko bufite isuku nibindi bikenewe - Iyo minisiteri imaze gusura uwabisabye bamubwira umwanzuro wafashwe.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ikigo cy'igihugu cy'iterambere (RDB) kwandikisha Ubucuruzi bwawe
Ese hari uburyo bwo	• Iyo udahawe serivisi mu

kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	minsi itatu y'Imibyizi wandikira minisitiri urwandiko ugaragaza ikibazo uko giteye. • Utanyuzwe na serivisi yahawe iyo yanditse ahamagarwa kubiro kugira ngo bumvikane uburyo iki kibazo cya cyemurwa • Iyo ikibazo kiri mu ububasha bwa Minicom umukozi ubishinzwe arakirangiza/Aragikemura. • Iyo ikibazo kitari mu ububasha bwa Minicom nyiri kibazo agirwa inama yo kukijyana munzego zigifitiye ububasha.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Wasura urubuga: www.minicom.gov.rw, kugira ngo umenye amakuru. Ukeneye kumenya ibisobanuro biruseho wahamagara kuri telefoni itishyura: 3739 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Itegeko ry'ubucuruzi ry'imbere mu gihugu, amabwiriza ya minisitiri w'ubucuruzi n'inganda arebana no gutonora no gucuruza umuceri.

Ubwoko bwa serevisi: Kwemerera kugura no kugurisha amabuye y'agaciro

Serevisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?	Minisiteri y'ubucuruzi n'inganda itanga uruhushya rwo gufungura ububiko bw'amabuye y'agaciro, bwifashishwa mu kugura no kugurisha amabuye atandukanye ariko hakagaragazwa abamuye

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

	azibandwaho.
Ni hehe serivisi itangirwa?	Ishami ry'ubucuruzi bw'imbere
Serevisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere saa moya zamugitondo kugeza kuwa kane saa kumi nimwe zanimugoroba Kuwa gatanu nuguhera saa moya zamugitondo kugeza saa sita zakumanywa
Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itatu y'Imibyizi (3)
Nibiki bisabwa kugirango ubone serevisi?	Kwishyura amafaranga adasubizwa angana n'ibihumbi Magana atatu (300,000frw) ku Kigo cy'igihugu cy'Imisoro n'amahoro/RRA
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	**Kubantu kugiti cyabo** - Inyandiko ibisaba yandikiwe minisitiri w'ubucuruzi n'inganda - Kopi y'indangamuntu kubenegihugu cyangwa pasiporo kubanyamahanga - Icyemezo cyigaragaza ko ntamwenda ubureyemo leta, - Byibuze igishoro cya miriyoni icume (10,000,000frw) z'amafaranga bikemezwa na banki, - Icyemezo cyigaragaza ko wiyandikishije nk'urwego rw'ubucuruzi n'uruhushya rukwemerera kuba mu gihugu kubanyamahanga. - Gihamya ko wishyuye amafaranga ibihumbi Magana atatu (300,000frw) **Kubigo byemewe** - Inyandiko ibisaba

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

	yandikiwe minisitiri w'ubucuruzi n'inganda - Umukono na kashe by'uhagarariye ikigo k'uburyo bw'amategeko, - Amategeko agenga ikigo ariho umukono wa noteri - Ku makoperative, hagomba icyemezo cyatanzwe n'ikigo cy'igihugu gishinzwe gutezimbere amakoperative cyigaragaza ko koperative yujuje ibyangombwa - Byibuze miriyoni makamyabiri z'amafaranga (20,000,000frw) nk'igishoro kandi bikemezwa na banki - Gihamya ko wishyuye amafaranga ibihumbi Magana atatu (300,000frw) ku kigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro.
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	- Ujya aho bakirira abakiriya no kubayobora - Gutanga ibyangombwa byose bikenewe - Gusura uwanditse asaba kureba ko akwije ububiko bufite isuku nibindi bikenewe Iyo minisiteri imaze gusura uwabisabye bamubwira umwanzuro wafashwe.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ikigo cy'igihugu cy'iterambere RDB Kwiyandikisha Ikigo cy'igihugu cy'amakoperative
Ese hari uburyo bwo	• Iyo udahawe serivisi mu

kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	minsi itatu y'Imibyizi wandikira minisitiri urwandiko ugaragaza ikibazo uko giteye. • Utanyuzwe na serivisi yahawe iyo yanditse ahamagarwa kubiro kugira ngo bumvikane uburyo iki kibazo cya cyemurwa anarusheho gutanga ibisobanuro • Iyo ikibazo kiri mu ububasha bwa Minicom umukozi ubishinzwe arakirangiza/aragikemura. Iyo ikibazo kitari mu ububasha bwa Minicom nyiri kibazo agirwa inama yo kukijyana munzego zigifitiye ububasha.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Wasura urubuga: www.minicom.gov.rw, kugira ngo umenye amakuru. Ukeneye kubona ibindi ibisobanuro biruseho wahamagara kuri telefoni itishyura: 3739 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Impapuro zuzuzwa zisangwa mu bunyamabanga rusange bwa minicom
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	ITEGA RYA MINISITIRI NIMERO 003/MINIFOM/RYO MURI 2010, RIGARAGAZA IBASABWA KUGIRA NGO UHABWE URUSHYA RWO KUGURA NO KUGURISHA AMABUYE Y'AGACIRO MU RWANDA

Ubwoko bwa serevisi: Uruhushya rwemerera inganda gukora

Serevisi n'iyihe?	Minisiteri itanga uburenganzira bwo gukora kunganda

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

Nujuje ibisabwa?	Abakora ibikoresho, inganda zitunganye ibikomoka k'ubuhinzi n'ubworozi, n'ibindi
Ni hehe serivisi itangirwa?	Ishami ry'iterambere ry'inganda
Serevisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere saa moya zamugitondo kugeza kuwa kane saa kumi nimwe zanimugoroba Kuwa gatanu guhera saa moya zamugitondo kugeza saa sita zakumanywa
Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itatu y'Imibyizi (3)
Nibiki bisabwa kugirango ubone serevisi?	Serevisi ntiyishyurwa
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Inyandiko ibisaba yandikiwe minisitiri w'ubucuruzi n'inganda - Icyemezokigifite igihe gitangwa n'ikigo cy'igihugu cy'iterambere RDB); - Icyemezo cy'uko utazabangamira ibidukikije gitangwa n'ikigo cy'igihugu cy'iterambere; - Icyemezo cy'ubuziranenge gitangwa n'ikigo cy'ubuziranenge RBS - Igenamigambi rirambuye ry'ubucuruzi mw'uruganda rwawe; - Icyemezo gitangwa n'akarere cyo gutura no gukorera muri ako karere.
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	- Ujya aho bakirira abakiriya no kubayobora - Gutanga ibyangombwa byose bikenewe - Gusura uwanditse asaba

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

	kureba ko amakuru yatanze ariyo - Iyo minisiteri imaze gusura uwabisabye bamubwira umwanzuro wafashwe.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ikigo cy'igihugu cy'iterambere RDB Ikigo cy'ubuziranenge RBS Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imicungire y'Ibidukikije REMA
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	• Iyo serivisi idatanzwe mu minsi itatu y'Imibyizi wandika urwandikira minisitiri ugaragaza ikibazo cyawe uko giteye. • Utanyuzwe na serivisi yahawe iyo yanditse ahamagarwa kubiro kugira ngo bumvikane uburyo iki kibazo cya cyemurwa • Iyo ikibazo kiri mu ububasha bwa Minicom umukozi ubishinzwe arakirangiza/aragikemura. • Iyo ikibazo kitari mu ububasha bwa Minicom nyiri kibazo agirwa inama yo kukijyana munzego zigifitiye ububasha.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Wasura urubuga: www.minicom.gov.rw, kugira ngo umenye amakuru. Ukeneye kumenya ibisobanuro biruseho wahamagara kuri telefoni itishyura: 3739 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Amategeko ashyiraho inganda,

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

Ubwoko bwa serevisi: Gukemura ibibazo by'abaguzi n'ubusumbane hagati y'abapiganwa

Serevisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?	Minisiteri y'ubucuruzi n'inganda irengera abaguzi yifashishije itegeko ry'ubucuruzi bw'imbere mu gihugu Minisiteri ikurikirana ubusumbane bugaragara mu bacuruzi n'ibigo by'ubucuruzi hashingiwe ku bibazo byagaragajwe by'abacuruzi
Ni hehe serivisi itangirwa?	Ishami rirengera umuguzi no gutezimbere ubucuruzi
Serevisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere saa moya zamugitondo kugeza kuwa kane saa kumi nimwe zanimugoroba Kuwa gatanu guhera saa moya zamugitondo kugeza saa sita zakumanywa
Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi itatu y'Imibyizi (3)
Nibiki bisabwa kugirango ubone serevisi?	Serevisi ntiyishyurwa
Nibiki bisabwa kugirango ubone serevisi?	**Kubantu kugiti cyabo** - Inyandiko ibisaba yandikiwe minisitiri w'ubucuruzi n'inganda - Inyandiko yose ijyanye nibi iherekeje urwandiko isobanura neza ko ikibazo giteye
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	- Ujya aho bakirira abakiriya no kubayobora - Gutanga ibyangombwa byose bikenewe kugira ngo igenzura ryorohe Iyo minisiteri imaze

	gusesengura uwabisabye bamubwira umwanzuro wafashwe.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ikigo cy'Igihugu cy'Ubugenzuzi noguhatana iyo gikora
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	• Iyo serivisi utayihawe mu minsi itatu y'Imibyizi wandikira minisitiri urwandiko ugaragaza ikibazo uko giteye. • Utanyuzwe na serivisi yahawe iyo yanditse ahamagarwa kubiro kugira ngo bumvikane uburyo iki kibazo cya cyemurwa • Iyo ikibazo kiri mu ububasha bwa Minicom umukozi ubishinzwe arakirangiza. • Iyo ikibazo kitari mu ububasha bwa Minicom nyiri kibazo agirwa inama yo kukijyana munzego zigifitiye ububasha.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Wasura urubuga: www.minicom.gov.rw, kugira ngo umenye amakuru. Ukeneye kumenya ibisobanuro biruseho wahamagara kuri telefoni itishyura: 3739 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Itegeko ry'ubucuruzi nimero 15/2001 ryo kuwa 28/1/2001

Ubwoko bwa serivisi: Gutanga ibyangpmbwa ku Imiryango mpuzamahanga ishaka kwiyandikisha

Serevisi n'iyihe? Nujuje ibisabwa?	MINICOM itanga ibyemezo kuri serivisi y'Inganda zicirirtse

SEREVISI ZITANGWA NA MINISITERI Y'INGANDA N'UBUCURUZI

	kugirango ziyandikishe
Ni hehe serivisi itangirwa	Serivisi ishinzwe ibyo kwihangira imirimo
Serevisi itangwa ryari?	Ukimara kuyisaba igihe wujuje ibisabwa urayihabwa
Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	3 (iminsi itatu y'Imibyizi)
Niba serivisi yishyurwa igiciro ni ikihe?	Nta kiguzi kuri iyi serivisi
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ibaruwa isaba, yandikiwe minisitiri muri minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda; - Icyemezo cyatanzwe n'Ubuyobozi bw'Akarere aho iyo serivisi itangirwa /aho ibikorwa biri. - Raporo ya gahunda y'Ibikorwa y'Umwaka ushize na gahunda y'Ibikorwa yuwo mwaka;
Binyura muyihe nzira kugira ngo uyihabwe?	- Ujya aho bakirira abatugana bakakuyobora - Ugatanga ibikenewe byose - Uwasabye arasura kugirango bamenye neza ko amakuru yatanzwe ariyo cyangwa ko raporo yuzuye - Uwasabye ahabwa igisubizo cyiza
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ibiro bishinzwe abinjira n'Abasohoka mu gihugu kwiyandikisha
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	• Iyo udahawe serivisi mu minsi itatu y'Imibyizi Usaba kurenganurwa

	atanga ibaruwa isaba igaragaza imiterere y'Ikibazo cye. • Umugenerwabikorwa ahamagarwa ku biro kugirango bakiganireho kurushaho babone amakuru ahagije • Iyo icyo kibazo kiri mu bubasha bwiyi minisiteri (MINICOM), umukozi ubishinzwe acyemura icyo kibazo. Iyo icyo kibazo kitari mu bubasha bwiyi MINICOM, Umugenerwabikorwa yoherezwa mu rwego rubishinzwe.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Buri gihe wasura urubuga rwa interineti rwa MINICOM kuri: www.minicom.gov.rw ukabona amakuru ukeneye. Cyangwa wakenera ibindi bisobanuro ugahamagara kuri telefoni itishyurwa: 3739 mu masaha y'Akazi.
Impapuro zuzuzwa	Amasezerano y'Imikoranire agomba gusinywa n'Imiryango mpuzamahanga
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Amabwiriza yIbiro bishinzwe abinjira n'Abasohoka mu gihugu Umushinga w'Itegeko urimo gutegurwa